REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISITERI Y'UBUREZI
UBUGENZUZI BW'IFASI YA
GISENYI

1 d
2 p

Correspondance

15/6/1998

D/034/2

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI
UBUGENZUZI BW'IFASI YA
GISENYI .
B.P. 198 GISENYI.-

Gisenyi, kuwa 15/06/1998.

N° 08.03/4/146

Kuri Bwana Muyobozi wa ESIG / GISENYI

Binyujijwe kuri Bwana Perefe wa Perefegitura ya Gisenyi.

REPUBLIQUE RWANDAISE Préfecture GISENYI

Impamvu: Kurenga ku nshingano ubeshya kandi uyobya ubuyobozi.

Réf: Ibaruwa n° 08.03/4/705 yo kuwa 12/06/1998

Bwana Muyobozi,

Mbabajwe no kukumenyesha ko imyifatire yawe mu mikino y'Amashuri Yisumbuye iherutse yasebeje Uburezi muri rusange, Akarere ka Gisenyi by'umwahariko, kandi kari gasanzwe karangwa no kwitwara neza nkuko byagaragaye i Kibungo; ibyo bikaba byemezwa n'Abayobozi bose bari bahari:

Ibyo uregwa ni ibiki?

1. Kuba warakoresheje impapuro z'akazi (palmarès, rapport de rentrée, copies d'examens) ubeshya kandi ubizi neza.
2. Kuba warayobeje Abayobozi bose, kuva kuri Nyakubahwa Bwana Perefe tutaretse na ba Superefe, ibyo byose ubizi neza kandi ubishaka.
3. Kuba warashyize uwo mwuka w'ubutiriganya mu bantu bose wagombye kuyobora mu nzira nziza, kuko ari Abarimu, ari n'Abanyeshuri njyewe ubwanjye na Superefe ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage twabajije, bose batwemezaga ko abo banyeshuri babazi kandi biga bisanzwe nkabandi.

Kubera ibyo byose!

1. Ku byerekeye akazi k'Uburezi, ndakumenyesha ko kuva ukibona iyi baruwa uhagaritswe by'agateganyo ku kazi kose kerekeranye n'Uburezi muri Gisenyi. umwanzuro wa nyuma uzafatwa na Minisitiri ushinzwe Uburezi.

.../...

2. Kubyerekeye ibindi bihano byose bijyanye n'ibyaha wakoze nko gupfusha ubusa umutungo w'isanduku y'imikino mu burezi cyangwa uwa Perefegitura n'ibindi... Turasaba inzego zibishinzwe kuzabifatira ibyemezo hakurikijwe amategeko asanzwe.
3. Ku byerekeye urugaga rw'abanyeshuri n'abarezi ba ESIG, ubugenzuzi bw'Ifasi buzafata ingamba zose zikenewe kugira ngo uwo muco mubi w'ubutiriganya ucike.

Ibyo byose bigiriwe kugira ngo bibere isomo undi wese wabafite uwo mutima, tumenye ko akazi kacu ari ukurera umunyarwanda muzima.

UMUGENZUZI W'IFASI YA GISENYI
**DUKUZE Bernard.**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINEDUC
ARRONDISSEMENT GISENYI

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Uburezi
  KIGALI.-
- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Imyuga Icuriritse
  KIGALI.-
- Bwana Muyobozi Ushinzwe Siporo muri MIJESCAFOP
  KIGALI.-
- Bwana Muyobozi w'Amashuli Yisumbuye
  KIGALI.-
- Bwana Muyobozi w'Amashuli Abanza
  KIGALI.-
- Bwana Prokireri wa Repubulika
  GISENYI.-
- Bwana Mugenzuzi w'Ifasi ya Ruhengeri
  RUHENGERI
- Bwana Uhagarariye aba Isilamu : IMAM
- Bwana Mugenzuzi w'Imirimo muri
  GISENYI.
- Bwana Komanda wa Brigade
  GISENYI.